# Abarangwa n'ubutabera bazaba bari kuri Min'bar z'urumuri, iburyo bwa Allah Nyir'impuhwe, n'ubwo amaboko ye yose ari indyo

Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Am'ri (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Abarangwa n'ubutabera bazaba bari kuri Min'bar z'urumuri, iburyo bwa Allah Nyir'impuhwe, n'ubwo amaboko ye yose ari indyo; abo ni babandi batabogama mu guca imanza kwabo, no ku miryango yabo ndetse no mu bo bashinzwe kuyobora.”
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko abantu barangwa n'ukuri ndetse n'ubutabera hagati y'abantu bashinzwe kuyobora ndetse n'abantu bo mu miryango yabo, ku munsi w'imperuka ibyicaro byabo bizaba ahantu hirengeye hakoze mu rumuri mu rwego rwo kububahisha. Izo Min'bar ziherereye iburyo bwa Allah Nyir'impuhwe, kandi amaboko ye yombi ni iburyo!

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4935

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee